**ITEKA RYA PEREZIDA N°25/01 RYO KUWA 09/07/2012 RISHYIRAHO URUTONDE KANDI RIGENA IBIPIMO NTARENGWA BY'AMAHORO N'ANDI MAFARANGA YAKIRWA N'INZEGO Z'IBANZE**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**UMUTWE WA II: AMAHORO N'ANDI MAFARANGA YAKIRWA N'URWEGO RW'IBANZE**

**Ingingo ya 3: Urutonde rw'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'urwego rw'ibanze**

**UMUTWE WA III: IBIPIMO NTARENGWA BY' AMAHORO N'ANDI MAFARANGA YAKIRWA**

**Icyiciro cya mbere: Igipimo cy'amahoro**

**PRESIDENTIAL ORDER N°25/01 OF 09/07/2012 ESTABLISHING THE LIST OF FEES AND OTHER CHARGES LEVIED BY DECENTRALIZED ENTITIES AND DETERMINING THEIR THRESHOLDS**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Definitions of terms**

**CHAPTER II: FEES AND OTHER CHARGES LEVIED BY A DECENTRALIZED ENTITY**

**Article 3: List of fees and other charges levied by a decentralized entity**

**CHAPTER III: TRESHOLD OF FEES AND OTHER CHARGES LEVIED**

**Section One: Fees threshold for occupation**

**ARRETE PRESIDENTIEL Nº25/01 DU 09/07/2012 ETABLISSANT LA LISTE DES TAXES PARAFISCALES ET AUTRES REDEVANCES PERCUES PAR LES ENTITES DECENTRALISEES ET DETERMINANT LEURS SEUILS**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier : Objet du présent arrêté**

**Article 2 : Définitions des termes**

**CHAPITRE II: TAXES PARAFISCALES ET AUTRES REDEVANCES PERCUES PAR UNE ENTITE DECENTRALIZE**

**Article 3: Liste des taxes et autres redevances perçues par une entité décentralisée**

**CHAPITRE III: SEUILS DES TAXES PARAFISCALES ET AUTRES REDEVANCES PERCUES**

**Section première: Seuils des taxes sur**

| | | |
|---|---|---|
| **ku bantú bakoresha umutungo bwite wa Leta** | **of public domain** | **l'occupation du domaine public** |
| **Ingingo ya 4: Amahoro yo mu isoko** | **Article 4: Market fees** | **Article 4: Taxes du marché** |
| **Ingingo 5: Amahoro y'irimbi rusange** | **Article 5: Fees on public cemetery** | **Article 5: Taxes sur les cimetières publics** |
| **Ingingo ya 6:Amahoro kuri parikingi** | **Article 6: Fees on parking** | **Article 6: Taxes de Parking** |
| **Ingingo ya 7: Amahoro kuri parikingi rusange** | **Article 7: Fees on public parkings** | **Article 7: Taxes sur les parckings publics** |
| **Ingingo ya 8:Amahoro kuri parikingi z'ubwato** | **Article 8: Parking fees on boats** | **Article 8: Taxes de parking pour les bateaux** |
| **Ingingo ya 9: Amahoro ku bukode bw'ubutaka** | **Article 9: Fees on land lease** | **Article 9: Taxes sur la location de terrain** |
| **Ingingo ya 10: Amahoro ku bukode bw'ubutaka bukorerwaho ubuhinzi n'ubworozi** | **Article 10: Land lease fees to be collected on land used for agriculture and livestock activities** | **Article 10: Taxes de location perçues sur les terrains utilisés pour les activités agricoles et d'élevage** |
| **Ingingo ya 11: Amahoro ku bukode bw'ubutaka bwagenewe gucukurwaho kariyeri** | **Article 11: Fees charged annually on land reserved for quarries exploitation** | **Article 11: Taxes perçues sur la location des terrains réservés pour l'exploitation des carrières** |
| **Ingingo ya 12: Igishingirwaho mu kugena amahoro ku cyemezo cy'ubukode bw'ubutaka** | **Article 12: Basis for fee on land lease setting** | **Article 12: Base d'établissement de la taxe sur la location de terrain** |
| **Ingingo 13: Guhindurirwa icyiciro** | **Article 13: Changing of category** | **Article 13: Modification de catégorie** |
| **Icyiciro cya 2: Ibipimo by'amahoro** | **Section 2: Threshold of fees based on** | **Section 2: Seuils des taxes sur les services** |

| | | |
|---|---|---|
| **ntarengwa ashingiye kuri serivisi zikorerwa abaturage** | **services provided to the citizens** | **founis aux citoyens** |
| **Ingingo ya 14: Amahoro y' isuku rusange** | **Article 14: Public cleaning service fees** | **Article 14: Taxes pour le service de nettoyage public** |
| **Ingingo ya 15: Amahoro yo gushyingirwa ku munsi utandukanye n'uwagenwe n'Inama Njyanama.** | **Article 15: Fee on civil marriage done on the days other than those officially fixed by the Council** | **Article 15: Taxe sur le mariage civil célébré à des jours autres que ceux officiellement fixés par le Conseil** |
| **Ingingo ya 16: Amahoro yakwa kuri serivisi z'ibyangombwa by'umutungo utimukanwa** | **Article 16: Fees charged for services related to the documents of immovable property** | **Article 16: Taxes sur les services liés aux documents de biens immobiliers** |
| **Ingingo ya 17: Amahoro yakwa ku byemezo bitangwa na Leta n'inyandiko zishyirwaho umukono na Noteri** | **Article 17: Fees charged on official certificates and documents to be notified by public Notary** | **Article 17: Taxes sur les certificats officiels et les documents à notifier par le notaire** |
| **Ingingo ya 18: Amahoro yishyurwa ku ruhushya rwo kubumba no gutwika amakara, amatafari n'amategura** | **Article 18: Fees charged for authorization to make and burn clay bricks, bricks and roof tiles** | **Article 18: Taxes pour l'autorisation de produire et cuire le charbon de bois, les briques et les tuiles** |
| **Icyiciro cya 3: Ibipimo ntarengwa by'andi mafaranga yakirwa n'urwego rw'ibanze** | **Section 3: Thresholds of other charges levied by decentralized entity** | **Section 3: Seuils des autres redevances percues par l'entité décentralisée** |
| **Ingingo ya 19: Icyapa cyamamaza na banderole byishyurirwa amahoro** | **Article 19: Fees on advertising billboard and banners** | **Article 19: Taxes sur les panneaux publicitaires et banderoles** |
| **Ingingo ya 20: Amahoro ku cyapa kiranga ubwato** | **Article 20: Fees for boat number plate** | **Article 20: Taxes sur les plaques d'immatriculation des bateaux** |
| **Ingingo ya 21: Amahoro ku byapa by'amagare** | **Article 21: Fees on bicycle number plates** | **Article 21: Taxes sur les plaques d'immatriculation des vélos** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 22: Amahoro ku minara y'itumanaho n'isakazamajwi** | **Article 22: Fees on communication towers** | **Article 22: Taxes sur les antennes de communication** |
| **Ingingo ya 23: Amahoro ku bwikorezi bw'ibikomoka kuri kariyeri, ku mashyamba** | **Article 23: Fees charged on transport of materials from quarries and forests** | **Article 23: Taxe sur le transport des matériaux provenant des carrières et des forêts** |
| **Ingingo ya 24: Kwemeza ibipimo by'amahoro** | **Article 24: Approval of fees thresholds** | **Article 24: Approbation des seuils des taxes** |
| **UMUTWE WA IV: KWISHYURA NO GUKURIKIRANA** | **CHAPTER IV: PAYMENT AND ENFORCEMENT** | **CHAPITRE IV: PAIEMENT ET PROCEDURES DE MISE EN APPLICATION** |
| **Icyiciro cya mbere: Kwishyura** | **Section One: Payment** | **Section première : Paiement** |
| **Ingingo ya 25: Kwishyura amahoro** | **Article 25: Fees and other charges payment** | **Article 25: Paiement des taxes et autres charges** |
| **Ingingo ya 26: Igihe amahoro n'andi mafaranga byishyurirwa** | **Article 26: Periods for payment of fees and other charges** | **Article 26: Périodes pour le paiement des taxes et autres frais** |
| **Ingingo ya 27: Kwishyura amahoro ku cyemezo cy'ubukode bw'ubutaka mu byiciro** | **Article 27: Land lease fee payment in instalments** | **Article 27: Paiement par tranche de la taxe de location de terrain** |
| **Ingingo ya 28: Inyungu z'ubukererwe** | **Article 28: Interests on late** | **Article 28: Intérêts de retard** |
| **Ingingo ya 29: Ihazabu icibwa utishyuye cyangwa uwishyuye igihe cyararenze** | **Article 29: Penalities to be charged on any person who failed to pay or paid after due date** | **Article 29: Pénalités à payer par toute personne qui a failli de payer ou qui a payé après la date d'échéance** |
| **Icyiciro cya 3: Gukurikirana iyishyurwa ry'amahoro n'andi mafaranga atishyuwe** | **Section 3: Recovery of fees and other charges not paid** | **Section 3 : Recouvrement des taxes parafiscales et des autres redevances non** |

| | | |
|---|---|---|
| | | **payées** |
| **Ingingo ya 30: Gusabwa kwishyura nta nteguza** | **Article 30: Payment without prior notice** | **Article 30: Paiement sans préavis** |
| **Ingingo ya 31: Uburyo bwo kwishyuza ibirarane by'amahoro n'andi mafaranga** | **Article 31: Procedures for recovery of fee arrears and other charges not paid** | **Article 31: Procédures de recouvrement des arriérés de taxes et autres redevances impayées** |
| **Ingingo ya 32: Uburyo bwo kujurira** | **Article 32: Appeals procedures** | **Article 32: Procédures d'appel** |
| **Ingingo ya 33: Igihe kigera amahoro akaba atagitanzwe** | **Article 33: Fees payment prescription period** | **Article 33: Délai de prescription du paiement des taxes et autres redevances** |
| **UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA** | **CHAPTER IV: FINAL AND MISCELLANEOUS PROVISIONS** | **CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES ET DIVERSES** |
| **Ingingo ya 34: Amabwiriza agenga iyakira ry'amahoro hakoreshejwe rwiyemezamirimo** | **Article 34: Instructions governing fees collection through outsoucing system** | **Article 34: Instructions régissant la collecte des taxes par le système de sous-traitance** |
| **Ingingo ya 35: Kwirinda kwaka kabiri amahoro cyangwa andi mafaranga** | **Article 35: Avoiding double collection of fees and other charges** | **Article 35: Eviter la double perception des taxes et autres redevances** |
| **Ingingo ya 36: Abashinzwe kubahiriza iri teka** | **Article 36: Authorities in charge of implementation of this Order** | **Article 36: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté.** |
| **Ingingo ya 37: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranije n'iri teka** | **Article 37: Repealing provision** | **Article 37: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 38: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa** | **Article 38: Commencement** | **Article 38: Entrée en vigueur** |

**ITEKA RYA PEREZIDA N°25/01 RYO KUWA 09/07/2012 RISHYIRAHO URUTONDE KANDI RIGENA IBIPIMO NTARENGWA BY'AMAHORO N'ANDI MAFARANGA YAKIRWA N'INZEGO Z'IBANZE**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 113, iya 121 n'iya 201;

Dushingiye ku Itegeko n° 59/2011 ryo kuwa 31/12/2011 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'Inzego z'Ibanze kandi rikanagena imikoreshereze yabyo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 57 na 58;

Bisabwe na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 02/05/2012 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE :**

**PRESIDENTIAL ORDER N°25/01 OF 09/07/2012 ESTABLISHING THE LIST OF FEES AND OTHER CHARGES LEVIED BY DECENTRALIZED ENTITIES AND DETERMINING THEIR THRESHOLDS**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 112, 113, 121 and 201;

Pursuant to Law nº 59/2011 of 31/12/2011 establishing the source of revenues and property of decentralized entities and governing their management, especially in Article 57 and 58;

On proposal by the Minister of Finance and Economic Planning;

After consideration and adoption by the Cabinet, in its session of 02/05/2012;

**HAVE ORDERED AND HEREBY ORDER:**

**ARRETE PRESIDENTIEL Nº25/01 DU 09/07/2012 ETABLISSANT LA LISTE DES TAXES PARAFISCALES ET AUTRES REDEVANCES PERCUES PAR LES ENTITES DECENTRALISEES ET DETERMINANT LEURS SEUILS**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 112, 113, 121 et 201;

Vu la Loi nº 59/2011 du 31/12/2011 établissant la source des revenus des entités décentralisées et régissant leur gestion, spécialement en ses articles 57 et 58 ;

Sur proposition du Ministre des Finances et de la Planification Economique ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 02/05/2012 ;

**AVONS ARRETE ET ARRETONS :**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rishyiraho urutonde n'ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'urwego rw'ibanze .

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **"Icyapa cyamamaza":** icyapa gikozwe mu buryo ubwo aribwo bwose gishyirwa ahantu kigamije igikorwa cyo kwamamaza imirimo ibyara inyungu. Iki cyapa gitanga amakuru yose akenewe hagamijwe korohereza abaguzi kumenya ibicuruzwa cyangwa serivisi bikorwa cyangwa bigurishwa mu kigo runaka;

2° "**Icyapa kiranga ahantu":** icyapa gikozwe mu buryo ubwo aribwo bwose ariko kigamije kwerekana icyerekezo cy'ahantu hakorerwa ibikorwa runaka. Iki cyapa ntikigaragaza amakuru yose akenewe n'umuguzi kugira ngo ashobore kugura

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order establishes the list and thresholds of fees and other charges levied by the decentralized entities.

**Article 2: Definitions of terms**

In this Order, the following definitions shall mean:

1° "**Advertising billboard"**: billboard made in whatever manner put in a given place and aimed at advertising profit oriented activities. Such advertising billboard gives customers accurate information about goods or services manufactured or sold by a given institution;

2° "**Signpost":** billboard made in whatever manner with intention to show the direction of a place where specific activities are carried out. This kind of billboard does not provide customers with all information to make purchase decisions;

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier : Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté établit la liste et les seuils des taxes parafiscales et autres redevances perçues par les entités décentralisées.

**Article 2 : Définitions des termes**

Dans le présent arrêté, les termes ci-après ont les significations suivantes:

1° **« Panneau publicitaire »**: un panneau d'affichage fait de quelque manière que ce soit, placé dans un endroit donné et destiné à faire la publicité des activités lucratives. Un tel panneau publicitaire donne toutes les informations nécessaires pour aider les clients à disposer d'informations précises sur les biens ou services produits ou vendus par une institution donnée ;

2° « **Panneau de signalisation** »: un panneau d'affichage fait de quelque manière que ce soit indiquant la direction d'un endroit où sont menées des activités spécifiques. Ce type de panneau ne donne pas toutes les informations dont un client a besoin

ibyo akeneye;

3° **"Banderole":** urupapuro cyangwa umwenda byanditseho ubutumwa bwamamaza cyangwa bumenyesha abantu igikorwa runaka, bishyirwa ahantu abantu bose bashobora kububona.

4° **"Santeri y'ubucuruzi":** ahantu hagenwa n'Inama Njyanama y'Urwego rw'Ibanze hakorerwa imirimo mito n'iciriritse ibyara inyungu.

5° **"Umunara w'itumanaho":** igikoresho gikozwe mu cyuma cyangwa mu bindi bikoresho, gishyizwe ahantu kubutaka cyangwa hejuru y'inyubako, cyifashishwa mu itumanaho n'isakazamajwi.

6° **"Inyubako":** inyubako itimukanwa kandi ihamye irinda ku buryo buhoraho cyangwa mu gihe kirekire abantu, inyamaswa cyangwa amamashini, kononekara bitewe n'ibiza. Mu nyubako habarirwamo amazu.

7° **"Kariyeri":** amabuye, umucanga, itaka n'ibindi bicukurwa mu butaka

3° **"Banner"**: flipchart or fabric printed with advertising materials or informing people about a given activity and which are put in a place where all persons can see it.

4° **"Trading center"**: place determined by decentralised entities and where small and medium level profit oriented activities are carried out.

5° **"Communication tower"**: metallic structure or in other material that is erected on the sopil or on the top of a building for communication facilitation purposes.

6° **"Building"**: immovable and stable construction which protects humans, animals or machineries permanently, or in the long term, from disaster. Building also includes houses.

7° **"Quarries"**: stones, sand, soil and other material exploited from land and

pour faire ses achats ;

3° **« Banderole »**: papier ou tissu imprimés avec des matériaux publicitaires ou informant les personnes d'une activité donnée et qui sont mis dans un endroit où toute personne peut les voir.

4° **« Centre commercial »**: un lieu déterminé par les entités décentralisées et où sont menées des activités commerciales de petite et moyenne envergure.

5° **« Tour de communication »**: une structure métallique ou en autres matériaux qui est installée sur le sol ou sur le toit d'un immeuble à des fins de facilitation de la communication.

6° **« Bâtiment »**: une construction immobilière inamovible et stable qui protège les êtres humains, les animaux ou les machines de façon permanente ou à long terme, contre les catastrophes. Il inclut également les maisons.

7° **« Carrières »**: pierres, du sable, sol et autres matériaux extraits de la terre et

bikoreshwa mu mirimo y'ubwubatsi.

8° **"Umuntu"**: umuntu ku giti cye, ikigo cyangwa ishyirahamwe ry'abantu.

9° **"Ikinyabiziga":** ikinyabiziga gifite moteri gikoreshwa mu gutwara abantu cyangwa ibintu ku butaka, ariko cyane cyane mu mihanda.

10° **"Urwego rw'ibanze"**: urwego rw'imitegekere y'igihugu rwegerejwe abaturage rufite ubuzima gatozi n'ubwigenge mu micungire y'imari n'abakozi barwo.

11° **"Parikingi":** ahantu hatunganijwe n'urwego rubifitiye ububasha kugira ngo ibinyabiziga, ibinyamitende n'amato bibashe kuhahagarara.

**UMUTWE WA II: AMAHORO N'ANDI MAFARANGA YAKIRWA N'URWEGO RW'IBANZE**

**Ingingo ya 3: Urutonde rw'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'urwego rw'ibanze**

Amahoro n'andi mafaranga yakwa n'urwego rw'ibanze ni aya akurikira:

used in construction works.

8° **"Person":** individual, a legal entity or an association of individuals.

9° **"Vehicle"**: machine usually with wheels and engine, which is used for transporting people or goods on land, especially on roads.

10° **"Decentralized entity":** local administrative entity with legal personality and administrative and financial autonomy.

11° **"Parking"**: place developed by a decentralized entity so that vehicles, bicycles and boats can be stationed.

**CHAPTER II: FEES AND OTHER CHARGES LEVIED BY A DECENTRALIZED ENTITY**

**Article 3: List of fees and other charges levied by a decentralized entity**

The fees and other charges collected by a decentralized entity shall be the following:

utilisés dans les travaux de construction ;

8° **« Personne »**: un individu, une personne morale ou une association d'individus.

9° **« Véhicule »**: engin à moteur utilisé pour le transport des personnes ou des biens sur la voie terrestre et en particulier sur les routes.

10° **« Entité décentralisée »**: une entité administrative locale dotée de la personnalité juridique et de l'autonomie administrative et financière.

11° **« Parking »**: un endroit aménagé par une entité décentralisée de manière à ce que les véhicules, vélos et bateaux puissent y stationner.

**CHAPITRE II: TAXES PARAFISCALES ET AUTRES REDEVANCES PERCUES PAR UNE ENTITE DECENTRALISEE**

**Article 3: Liste des taxes et autres redevances perçues par une entité décentralisée**

Les taxes et autres redevances perçues par une entité décentralisée sont les suivantes :

1. Amahoro ashingiye ku ikoreshwa ry'umutungu rusange wa Leta akurikira:

   a. Amahoro yo mu isoko;

   b. Amahoro yakwa ku marimbi rusange;

   c. Amahoro kuri parking;

   d. Amahoro kuri za parikingi rusange;

   e. Amahoro kuri parking z'ubwato;

   f. Amahoro ku bukode bw'ubutaka;

   g. Amahoro yakwa buri mwaka ku bukode bw'ubutaka bukorerwaho ubuhinzi n'ubworozi;

   h. Amahoro yakwa buri mwaka ku bukode bw'ubutaka bwagenewe gucukurwaho kariyeri.

2. Amahoro akurikira ashingiye kuri servisi zikorerwa abaturage:

   a. Amahoro y'isuku rusange;

   b. Amahoro yo gushyingirwa ku munsi

1. Fees for occupation of public domain

   a. Market fees;

   b. Fees charged on public cemeteries;

   c. Fees charged on parkings;

   d. Fees on public parkings;

   e. Parking fees on Boats;

   f. Fees on lease of land ;

   g. Fees on lease of land to be collected annually on land used for agriculture and livestock activities;

   h. Fees charged annually on land reserved for quarries exploitation.

2. The following fees are based on services rendered to citizens:

   a. Fees charged on public cleaning services;

   b. Fee charged on civil marriage

1. Taxes sur l'occupation du domaine public

   a. Taxes du marché;

   b. Taxes sur les cimetières publics ;

   c. Taxes de parkings ;

   d. Taxes sur les parkings publics ;

   e. Taxes sur les parkings pour les bateaux ;

   f. Taxes sur la location de terrains ;

   g. Taxes de locations perçues annuellement sur les terrains utilisés pour les activités agricoles et d'élevages ;

   h. Taxes perçues annuellement sur la location des terrains réservés pour l'exploitation des carrières.

2. Taxes suivantes sur les services fournis aux citoyens

   a. Taxes pour les services de nettoyage public;

   b. Taxe pour la célébration d'un

utandukanye n'uwagenwe;

c. Amafaranga atangwa kuri serivisi z'ibyangombwa by'ubutaka n'ibibanza;

d. Amafaranga atangwa ku byemezo n'impapuro bitangwa na Leta n'inyandiko zishyirwaho umukono na Noteri;

e. Amahoro yakwa ku ruhushya rwo gutwika amakara, amatafari n'amategura.

3. Andi mafaranga yakirwa akurikira :
   a. Amahoro yakwa ku cyapa cyamamaza no kuri banderole;
   b. Amahoro yakwa ku cyapa cy'ubwato;
   c. Amahoro yakwa ku cyapa cy'igare;
   d. Amahoro yakwa ku minara yifashishwa mu itumanaho n'isakazamajwi;
   e. Amahoro yakwa abapakira ibikomoka kuri kariyeri no ku mashyamba.

done outside the official business days;

c. Fees charged on provision of land and plot related services;

d. Fees charged on official documents and documents notified by the public Notary;

e. Fees charged on authorizations to burn firewood, clay bricks and roof tiles.

3. Other following charges
   a. Fees charged on advertising billboard or banners;
   b. Fees charged on boat number plate;
   c. Fees charged on bicycle number plates;
   d. Fees charged on communication towers ;
   e. Fees charged on transport of materials from quarries and forests.

mariage civil en dehors des jours ouvrables officiels;

c. Taxes sur les services liés aux documents de biens immobiliers et aux parcelles

d. Taxes sur les documents officiels et les actes notariés du notaire.

e. Taxes autorisation de production des briques cuites, des tuiles et du charbon de bois.

3. Autres redevance suivantes
   a. Taxes sur les panneaux publicitaires et banderoles;
   b. Taxes sur les plaques d'immatriculation des bateaux ;
   c. Taxes sur les plaques d'immatriculation des vélos;
   d. Taxes sur les antennes de communication ;
   e. Taxes sur le transport des matériaux provenant des carrières et des forêts.

Amahoro n'andi mafaranga ateganijwe muri iyi ngingo ni yo yonyine yemewe kwakirwa n'urwego rw'ibanze.

Iyo hagize andi mahoro urwego rw'ibanze rubona ko ari ngombwa kwakira, byemezwa n'Inama Njyanama imaze kugisha inama Minisitiri ufite imari mu nshingano ze.

Urwego rw'ibanze ntirwemerewe gushyiraho amahoro cyangwa andi mafaranga yihariye ku musaruro ukomoka ku buhinzi n'ubworozi.

**<u>UMUTWE WA III</u>: IBIPIMO NTARENGWA BY'AMAHORO N'ANDI MAFARANGA YAKIRWA**

**<u>Icyiciro cya mbere</u>: Igipimo cy'amahoro ku bantú bakoresha umutungo bwite wa Leta**

**<u>Ingingo ya 4</u>: Amahoro yo mu isoko**

Amahoro yakwa mu isoko yishyurwa n'abacururiza ahantu hagenewe ibicuruzwa byabo.

Ibipimo by'amahoro yo mu isoko bigenwa n'Inama Njyanama ya buri rwego rw'ibanze ishingira ku bunini bw'ahacururizwa,

Only fees and other charges stipulated in this Article shall be levied by a decentralized entity.

In case the decentralized entity finds it necessary to levy any other fees, this shall be approved by the Council of the decentralized entity after consultation with the Minister in charge of finance.

A decentralized entity shall not be allowed to set special fee and other charges on agricultural and animal husbandry products.

**<u>CHAPTER III</u>: TRESHOLD OF FEES AND OTHER CHARGES LEVIED**

**<u>Section One</u>: Fees threshold for occupation of public domain**

**<u>Article 4</u>: Market fees**

Market fees shall be charged to traders in area that has been designated for their merchandise.

The thresholds of market fees shall be fixed by the Council of a decentralized entity considering the size of the designated area and

Seuls les taxes et redevances prévues au présent article peuvent être perçues par une entité décentralisée.

Lorsque l'entité décentralisée estime opportun d'imposer toutes autres taxes, cela est approuvé par le Conseil de l'entité décentralisée après consultation avec le Ministre ayant les finances dans ses attributions.

L'entité décentralisée n'est pas autorisée à imposer des taxes spéciales et autres redevances sur les produits agricoles et d'élevages.

**<u>CHAPITRE III</u>: SEUILS DES TAXES PARAFISCALES ET AUTRES REDEVANCES PERCUES**

**<u>Section première</u>: Seuils des taxes sur l'occupation du domaine public**

**<u>Article 4</u>: Taxes du marché**

Les taxes du marché sont exigées des commerçants à l'emplacement qui a été désigné pour leurs marchandises.

Les seuils des taxes du marché sont fixés par le Conseil de toute entité décentralisée qui prend en compte la taille de l'emplacement

n'imiterere y'ibicuruzwa.

Ibipimo by'amahoro yo mu isoko yishyirwa rimwe mu kwezi biteye ku buryo bukurikira:

1. Mu isoko ry'iterambere ryubatswe, Inama Njyanama igena amahoro yo mu isoko ku buryo bukurikira:

   a. **Ahafatwa nk'umujyi**: amahoro kuva ku mafaranga ibihumbi bitanu (5.000 Frw) kugeza ku mafaranga ibihumbi icumi y'amanyarwanda (10.000 Frw) ku kibanza;
   b. **Ahafatwa nka santeri z'ubucuruzi:** amahoro kuva ku mafaranga ibihumbi bitatu (3.000 Frw) kugeza ku bihumbi bitanu y'amanyarwanda (5.000 Frw) ku kibanza;
   c. **Ahafatwa nk'icyaro:** amahoro kuva ku mafaranga igihumbi (1.000 Frw) kugeza ku bihumbi bitatu y'amanyarwanda (3.000 Frw) ku kibanza.

2. Mu isoko ritubatse**,** Inama Njyanama igena amahoro ku buryo bukurikira:

the nature of products sold.

The thresholds of market fees shall be paid on a monthly basis as follows:

1. In a modern constructed market, the Council shall set fees as follows:

   **a. In an area considered as town:** fee shall range from five thousand (Rwf 5,000) to ten thousand Rwandan francs (Rwf 10,000) per stall;
   **b. In an area considered as trading centre:** fee shall range from three thousand (Rwf 3,000) to five thousand Rwandan francs (Rwf 5,000) per stall;
   **c. In an area considered as rural area:** fee shall range from one thousand (Rwf 1,000) to three thousand Rwandan francs (Rwf 3,000) per stall.

2. For unconstructucted market places, the Council shall determine fees as follows:

désigné ainsi que la nature des produits vendus.

Les seuils des taxes du marché sont payés mensuellement comme suit:

1. Dans un marché moderne construit, le Conseil fixe les taxes comme suit:

   **a. Dans une zone considérée comme ville:** la taxe varie entre cinq mille (5.000 Frw) et dix mille francs rwandais (10.000 Frw) par stand ;
   **b. Dans une zone considérée comme centre commercial :** la taxe varie entre trois mille (3.000 Frw) et cinq mille francs rwandais (5.000 Frw) par stand ;
   **c. Dans une zone considérée comme rurale :** la taxe varie entre mille francs (1.000 Frw) et trois mille francs rwandais (3.000 Frw) par stand.

**2 Pour les places des marchés non construits,** le Conseil détermine les taxes comme suit:

a. **Ahafatwa nk'umujyi:** amahoro kuva ku mafaranga bihumbi bitatu (3.000 Frw) kugeza ku mafaranga ibihumbi bitanu y'amanyarwanda (5.000 Frw) ku kibanza;

b. **Ahafatwa nka santeri z'ubucuruzi:** amahoro kuva ku mafaranga igihumbi (1.000 Frw) kugeza ku mafaranga ibihumbi bitatu y'amanyarwanda (3.000 Frw) ku kibanza;

c. **Ahafatwa nk'icyaro:** amahoro atarenze amafaranga igihumbi y'amanyarwanda (1.000 Frw) ku kibanza;

**<u>Ingingo 5</u>: Amahoro y'irimbi rusange**

Urwego rw'ibanze rugena ahafatwa nk'irimbi rusange kandi rukagena amahoro agomba kwishyurwa.

Inama Njyanama y'urwego rw'ibanze igena amahoro yakwa ku irimbi rusange ari hagati y'amafaranga magana atanu (500 Frw) n'amafaranga ibihumbi bitanu y'amanyarwanda (5.000 Frw) ku mva.

Inama Njyanama ni yo igena ikiguzi cy'imva zo mu irimbi rusange.

a. **In an area considered as town:** fee shall range from three thousand (Rwf 3,000) to five thousand Rwandan francs (Rwf 5,000) per stall;

b. **In an area considered as a trading centre:** fee shall range from one thousand (Rwf 1,000) to three thousand Rwandan francs (Rwf 3,000) per stall.

**In an area considered as rural area:** fee shall not exceed one thousand Rwandan francs (Rwf 1,000) per stall;

**<u>Article 5</u>: Fees on public cemetery**

Decentralized entities shall determine places to be considered as public cemeteries and set fees to be paid.

The Council of the decentralized entity shall determine fees to be charged on the public cemetery ranging between five hundred (Rwf 500) and five thousand Rwandan Francs (RWf 5,000) per tomb.

The Council of the decentralized entity shall determine the price for a tomb in a public cemetery.

a. **Dans une zone considérée comme ville**: la taxe varie entre trois mille francs (3.000 frw) et cinq mille francs rwandais (5.000 frw) par stand ;

b. **Dans une zone considérée comme centre commercial**: la taxe varie entre mille francs (1.000 Frw) et trois mille francs rwandais (3.000 Frw) par stand.

c. **Dans une zone considérée comme zone rurale:** la taxe ne dépasse pas mille francs rwandais (1.000 Frw) par stand ;

**<u>Article 5</u>: Taxes sur les cimetières publics**

Les entités décentralisées déterminent les endroits à considérer comme des cimetières publics et déterminent les taxes à payer.

Le Conseil de l'entité décentralisée détermine les taxes à percevoir sur les cimetières publics qui sont comprises entre cinq cent (500 Frw) et cinq mille francs rwandais (5.000 Frw) par tombe.

Le Conseil détermine le prix pour une tombe dans un cimetière public.

**Ingingo ya 6:Amahoro kuri parikingi**

Umuntu wese uparitse ikinyabiziga cye muri parikingi zagenwe n'urwego rw'ibanze, yishyura amahoro agenwa n'Inama Njyanama y'urwo rwego hashingiwe ku bwoko bw'icyo kinyabiziga. Buri parikingi igomba kugira icyapa kiyiranga.

Amahoro kuri parikingi yishyurwa ku isaha, ku munsi cyangwa ku kwezi.

Parikingi iri mu mbago z'ikibanza cy'umuntu icungwa na nyiracyo. Iyo yishyuje amafaranga, bifatwa nk'ubucuruzi busanzwe, hakishyurwa imisoro iteganywa n'itegeko.

Ibinyabiziga bikurikira, ntibyishyura amahoro ya parikingi igihe cyose biri mu kazi byagenewe:

1° Ibinyabiziga bya Leta, ibigo n'imishinga yayo bifite ibyapa bibiranga.

2° Ibinyabiziga by'Ambasade.

3° Ibinyabiziga by'Imiryango mpuzamahanga ishamikiye ku muryango w'Abibumbye n'iby'indi miryango mpuzamahanga

**Article 6: Fees on parking**

Any person who parks his/her car in parking lots determined by a decentralized entity shall pay a parking fee based on the category of the vehicle. Every parking shall have a signpost.

Parking fee shall be paid either per hour, per day or per month.

A parking located in private plot shall be managed by the owner. In case, the owner charges parking fees, this shall be considered as profit oriented activity and he/she shall pay fees as specified by tax laws in place.

The following vehicles shall not be charged parking fees when on official duty.

1° Vehicles owned by the State, its institutions and projects - when they have their identification plates;

2° Vehicles belonging to an Embassy;

3° Vehicles of the United Nations affiliated international organizations and other international organizations having specific

**Article 6: Taxes de Parking**

Toute personne qui stationne son véhicule dans l'une des aires de stationnement déterminées par une entité décentralisée paie une taxe de stationnement en fonction de la catégorie du véhicule. Chaque parking doit être signalé par un panneau de signalisation.

La taxe de stationnement est payée par heure, par jour ou par mois.

Le parking situé dans une parcelle privée est géré par son propriétaire. Dans le cas où le propriétaire perçoit des taxes de stationnement, ceci est considérée comme une activité lucrative et le propriétaire doit payer les impôts conformément aux lois fiscales en vigueur.

Les véhicules suivants ne paient pas de taxes de stationnement lorsqu'ils sont en service officiel.

1° Les véhicules appartenant à l'Etat, aux institutions gouvernementales et projets quand ils ont leurs plaques d'identification.

2° Les véhicules appartenant à une ambassade ;

3° Les véhicules des organisations internationales affiliées à l'Organisation des Nations Unies ainsi que ceux des

ifitanye amasezerano yihariye na Leta y'u Rwanda;

4° Ibinyabiziga byihariye byagenewe abafite ubumuga.

Inama Njyanama y'urwego rw'ibanze igena amahoro yakwa kuri parikingi hashingiwe kuri ibi bikurikira:

1. Imodoka nto n'amapikipiki byishyura amahoro atarengeje :

   a. amafaranga ijana y'amanyarwanda (100 Frw) ku isaha;
   b. amafaranga magana atanu y'amanyarwanda (500 Frw) ku munsi;
   c. Amafaranga ibihumbi icumi y'amanyarwanda (10,000 Frw) ku kwezi.

2. Ikamyo nto na minibisi byishyurirwa amahoro atarengeje

   a. amafaranga magana abiri y'amanyarwanda (200 Frw) ku isaha;
   b. amafaranga igihumbi y'amanyarwanda (1.000 Frw) ku munsi.
   c. amafaranga ibihumbi cumi na bibiri y'amanyarwanda (12.000 Frw) ku kwezi.

3. Ikamyo nini idafite remoroki, Bisi nini na

agreement with the Government of Rwanda;

4° Special vehicles designed for disabled persons.

The Council of a decentralized entity shall set parking fee basing on the following:

1. Small vehicles and motorcycles shall pay a fee not exceeding :

   a. one hundred Rwandan francs (Rwf 100) per hour.
   b. five hundred Rwandan francs (Rwf 500) per day.
   c. ten thousand Rwandan francs (Rwf 10,000) per month.

2. Small lorries and minibuses shall pay a fee not exceeding

   a. two hundred Rwandan francs (Rwf 200) per hour.
   b. one thousand Rwandan francs (Rwf 1,000) per day.
   c. twelve thousand Rwandan francs (Rwf 12,000) per month.

3. A heavy truck without trailer, big bus and

autres organisations internationales ayant un accord spécifique avec le Gouvernement du Rwanda ;

4° Les véhicules spéciaux conçus pour les personnes handicapées

Le Conseil d'une entité décentralisée fixe la taxe de parking en fonction de ce qui suit:

1. Les petits véhicules et motocyclettes paient une taxe n'excédant pas:

   a. cent francs rwandais (100 Frw) par heure.
   b. cinq cents francs rwandais (500 Frw) par jour.
   c. dix mille francs rwandais (10.000 Frw) par mois.

2. Les camionnettes et les minibus paient une taxe n'excédant pas:

   a. deux cent francs rwandais (200 Frw) par heure.
   b. mille francs rwandais (1.000 Frw) par jour.
   c. douze mille francs rwandais (12.000 Frw) par mois.

3. Un camion lourd sans remorque, un gros

za taragiteri byishyurirwa amahoro atarengeje :

a. amafaranga magana ane y'amanyarwanda (400 Frw) ku isaha.
b. amafaranga ibihumbi bibiri y'amanyarwanda (2.000 Frw) ku munsi.
c. amafaranga ibihumbi icumi na bitanu y'amanyarwanda (15.000 Frw) ku kwezi.

4. Ikamyo ifite remoroki n'imashini nini ikoreshwa mu kubaka no gukora imihanda byishyurirwa amahoro atarengeje:

a. amafaranga igihumbi y'amanyarwanda (1.000 Frw) ku isaha.
b. amafaranga ibihumbi bitanu y'amanyarwanda (5.000 Frw).ku munsi.
c. amafaranga ibihumbi makumyabiri y'amanyarwanda (20.000 Frw) ku kwezi.

5. Ikinyabiziga gikurura remoruki cyangwa ikindi kinyabiziga uretse moto cyishyurirwa amahoro hakurikijwe icyiciro kirimo.

tractor shall pay a fee not exceeding :

a. four hundred Rwandan Francs (Rwf 400) per hour.
b. two thousand Rwandan Francs (Rwf 2000) per hour.
c. fifteen thousand Rwandan Francs (Rwf 15,000) per month.

4. Vehicles with a trailer and heavy machine used for construction works and road construction shall pay a fee not exceeding:

a. one thousand Rwandan Francs (Rwf 1000) per hour.
b. five thousand Rwandan Francs (Rwf 5,000) per day.
c. twenty thousand Rwandan Francs (Rwf 20,000) per month.

5. Vehicle with trailer or other vehicle excluding motorcycles shall be subject to fee in accordance with their categories.

autobus et tracteur payent une taxe n'excédant pas:

a. quatre cents francs rwandais (400 Frw) par heure.
b. deux mille francs rwandais (2000 Frw) par heure.
c. quinze mille francs rwandais (15.000 Frw) par heure.

4. Un camion avec remorque et un engin lourd utilisé pour les travaux de construction de routes ou de batiments payent une taxe n'excédant pas:

a. mille Francs (1.000 Frw) par heure.
b. cinq mille francs rwandais (5.000 Frw) par jour.
c. vingt mille francs rwandais (20.000 Frw) par mois

5. Un véhicule tirant une remorque ou un autre vehicule autres que les motocyclettes paye la taxe en fonction de sa catégorie.

**Ingingo ya 7: Amahoro kuri parikingi rusange**

Imodoka yose yinjiye muri parikingi rusange itanga amahoro y'umunsi kuri iyo parikingi rusange uko yinjiyemo.

Inama Njyanama igena amahoro yakwa kuri parikingi rusange hashingiwe kuri ibi bikurikira:

1° Minibisi zifite imyanya yicarwamo itarenze 18 n'amavatiri akora tagisi byishyurirwa amafaranga atarenze magana atanu y'amanyarwanda (500 Frw);

2° Bisi n'izindi modoka zifite imyanya yicarwamo iri hagati ya 18 na 30 zishyurirwa amafaranga atarenze igihumbi y'amanyarwanda (1.000 Frw);

